CYINZUZI IGISABO SACCO

cyinzuzi kuwa 28/08/2023

AKARERE KA RULINDO
UMURENGE WA CYINZUZI
0788906688/ 0782134310

***ITANGAZO RY'AKAZI***

Ubuyobozi bwa **CYINZUZI IGISABO SACCO** ikorera mu murenge wa CYINZUZI akarere ka RULINDO buramenyesha ababyifuza bose ko ishaka gutanga akazi ku mwanya w'umubitsi.
Ibisabwa kuri uwo mwanya ni ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba indakemwa mu mico no mu myifatire;
3. Kuba atarigeze yambura cyangwa yirukanwa mu kigo cy'imari;
4. Kuba afite impamyabumenyi y'amashuri atandatu yisumbuye (A2) mu ibaruramari (COMPTABILITE) cyangwa icungamutungo (COMMERCE ET COMPTABILITE)
5. Kuba azi gukoresha neza mudasobwa (nibura : word, excel, power point);
6. Kuba azi neza Ikinyarwanda, icyongereza cyangwa igifaransa, kubimenya byombi byaba ari akarusho;
7. Kuba yemera guhita atangira akazi akimara gutsinda ibizamini.
8. Kuba yarigeze gukora mu bigo by'imali byaba ari akarusho.

Abifuza gupiganira uwo mwanya bagomba kuba bagejeje mu biro by'umucungamutungo, ibaruwa isaba akazi yandikiwe perezida w'inama y'ubuyobozi iherekejwe na fotokopi y'impamyabumenyi mu mashami yavuzwe haruguru na fotokopi y'irangamuntu bitariho umukono wa noteri, n'umwirondoro wabo wuzuye (CV) bitarenze kuwa **08/09/ 2023** saa kumi **(16h00).** Urutonde rw'abazakora ibizamini ruzamanikwa kuwa **09/09/2023 Saa tatu** ku biro bya CYINZUZI IGISABO SACCO. Ibizamini byose biteganyijwe kuba kuwa **11/09/2023** guhera saa mbiri zuzuye za mugitondo ku cyicaro cya SACCO **(08h00)**.

Umukandida uzaba yatsinze ibizamini, mbere yo gutangira akazi agomba kuzana ibyangombwa bikurikira:

1. Umwirondoro wuzuye;
2. Fotokopi ebyiri z'impamyabumenyi ziriho umukono wa noteri;
3. Amafoto abiri magufi;
4. Icyemezo cy'uko atakatiwe igifungo kigera cyangwa kirengeje amezi atandatu.

Bikorewe I Cyinzuzi , kuwa **28/08/2023**
**NDAHAYO Jean Claude**
**Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya**
**CYINZUZI IGISABO SACCO**